



Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

B.P. 269 Kigali - Tél. : 34 30 / (+250)788304878

Email : info@cndp.org.rw

Website : <http://www.cndp.org.rw>

Twitter : [@HumanRightsRW](https://twitter.com/HumanRightsRW)

Facebook : [NCHR](https://www.facebook.com/NCHR)

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BW'UMUGORE



Kigali, Ukwakira 2021

IMFASHANYIGISHO KU BURENGANZIRA BW'UMUGORE

I. IRIBURIRO

Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bw'umugore, Leta yashyizeho politiki na gahunda zitandukanye zirimo gushyiraho amategeko arengera umugore, gusinya no gushyira mu mategeko akoresha mu Rwanda amasezrano mpuzamahanga arengera umugore no gushyiraho urwego ruteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu.

Nubwo bimeze bityo ariko, haracyagaragara ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umugore nkuko bigaragara muri za raporo za Komisiyo no mu birego yakira, abagore bamwe baracyahura n'imbogamizi mu gutunga no gukoresha ubutaka ku rwego rumwe n'abagabo, ahanini bigaterwa no kutagira ubumenyi buhagije mu by'amategeko, gutinya ko bakorerwa ihohoterwa ndetse bamwe bakazitirwa n'umuco. Komisiyo ikaba isanga hagomba gukomeza kubaho inyigisho ku burenganzira bw'umugore igenewe abantu bari mu byiciro bitandukanye mu rwego rwo kurushaho kumenyakanisha ubwo burenganzira.

Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa Muntu, ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 10, agace ka 4, ivuga ku ihame ry'uburinganire bw'abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo;

Ishingiye ku ngingo ya 5 (1⁰) y'Itegeko n°19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ryahinduwe n'itegeko n° 61/2018 ryo ku wa 24/08/2018, iyiha inshingano yo kwigisha no

gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu no kugira uruhare mu gutegura gahunda zo kwigisha uburenganzira bwa muntu;

Ishingiye kandi ku mahame remezo y'uburenganzira bwa muntu, nk'uko agaragara mu Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948 ariyo:

- Ihame ry'agaciro ntagereranywa ka muntu;
- Ihame ryo kureshya kw'abantu mu gaciro no mu burenganzira;
- Ihame ryo kutavangurwa.

Komisiyo y'Igihugu y'uburenganzira bwa Muntu nk'urwego rufite mu nshingano guteza imbere uburenganzira bwa Muntu, yateguye iyi mfashanyigisho igamije kumenyekanisha ibijyanye n'uburenganzira bw'umugore buteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda no kubukangurira abantu b'ingeri zitandukanye.

Ibice bigize imfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igizwe n'ibice bikurikira :

- I. Iriburiro
- II. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi
- III. Kuki havugwa uburenganzira bw'umugore
- IV. Uburenganzira bw'umugore mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano Mpuzamahanga
- V. Intambwe u Rwanda rwateye mu guteza imbere uburenganzira bw'umugore
- VI. Ibyo Komisiyo ikora mu guteza imbere uburenganzira bw'umugore
- VII. icyakorwa ngo uburenganzira bw'umugore burusheho kubahirizwa (Uruhare rwa buri wese)
- VIII. Umwanzuro

IX. Umugereka: Inyandiko zifashishijwe mu gutegura iyi nyigisho

II. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

II.1 Uburenganzira bwa Muntu:

Uburenganzira bwa Muntu, ni urusobe mu bwuzuzanye rw'ibyo umuntu wese yemererwa n'amategeko gukora cyangwa gukorerwa, bigamije kumuhesha agaciro n'icyubahiro, kumufasha kubana n'abandi mu mahoro, kugira imibereho myiza no kumurinda kuvogerwa.

II.2 Ihohoterwa

Ihohoterwa ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu atabishaka kandi kikamugiraho ingaruka mbi byaba ku mubiri, ku mitekerereze, ku mibereho ye mu by'ubukungu cyangwa se ku mutungo we ndetse no ku mibereho n'abandi.

II.3 Ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni "Igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo".

II.4 Uburinganire:

Ni inshingano, agaciro, imyifatire n'imibanire sosiyete iha abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu mu mico itandukanye no mu bihe bitandukanye

II.5 Ubwuzuzanye:

Ni uburyo bwashyizweho bugamije guha abagore uburenganzira bwo gufatwa kimwe n'abagabo hakurikijwe amategeko, guhabwa amahirwe angana ku burezi, ku buzima, ku mutungo no ku bindi bikorwa remezo.

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni imvugo ikunda gukoreshwa ifatanye aho bagaragaza ko uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo bivuga ko bahabwa umwanya ungana, bagira uburyo bumwe bwo kugira uburenganzira bwabo bwa muntu no gukoresha impano yabo mu kugira uruhare mu iterambere rya politiki, ry'ubukungu, ry'imibereho myiza n'umuco by'igihugu cyabo no kugera ku byavuye kuri iryo terambere ku buryo bungana.

III. KUKI HAVUGWA UBURENGANZIRA BW'UMUGORE

Iyo havuzwe uburenganzira bw'umugore, abantu benshi ntibumva impamvu ubwo burenganzira buvugwaho ku buryo bw'umwihariko.

Uburenganzira bw'umugore ntaho butaniye n'uburenganzira bwa muntu muri rusange. Umwihariko uterwa n'uko mu bihugu byinshi byo ku isi, n'u Rwanda rurimo, abagore batagiye bagira uburenganzira bungana n'ubw'abagabo.

Ingero zigaragara, ni uko ahenshi abagore bagiye bavutswa uburenganzira bwo kwiga, ubwo gukora imirimo ibahesha umushahara, ubwo gukora imirimo ya politiki, ubwo kwishyira ukizana, ubwo gutanga ibitekerezo ndetse ntibagire uruhare ku mutungo w'urugo kandi nabo baba bagize uruhare mu mirimo ibyara uwo mutungo. Mu byiciro byinshi by'ubuzima, wasangaga umugore adafatwa kimwe n'umugabo.

Uburenganzira bw'umugore butangwa mu nyigisho zerekeye uburenganzira bwa muntu kubera impamvu zikurikira:

- Umugore ni Umuntu nk'abandi bantu bose, bityo akaba agomba guhabwa agaciro gakwiye umuntu kandi akarindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose;
- Mu bice byinshi by'isi, usanga abagore aribo bakunze guhura n'ihohoterwa, bityo bakaba kenshi barengana bitewe n'uko batazi uburyo bashobora kurenganurwamo. Bagomba rero kwigishwa uburenganzira bwabo no gutozwa kubuharanira;
- Abagore bagira uruhare runini mu burere bw'abana, bityo bagomba gukurana umuco mwiza wo kubahiriza uburenganzira bwa muntu babikesheje uburere batozwa n'ababyeyi babo;
- Mu Rwanda by'umwihariko, abagore bagize igice kinini cy'abaturage, ibi bigaragaza uruhare rwabo mu iterambere ry'igihugu.

Ikindi gituma havugwa uburenganzira bw'umugore ku buryo bwihariye n'uko hari ibihe umugore ageramo akaba ari umunyantega nke ku buryo agomba kurengerwa by'umwihariko, nko mu gihe atwite cyangwa yonsa (protection de l'enfant).

Ni muri urwo rwego uburenganzira bw'umugore bugomba kwigishwa bishingiye na none ku ihame ry'uburinganire, rivuga ko abantu bose bashesha, haba imbere y'amategeko, haba no mu bindi, nko mu guhabwa akazi, gushyirwa mu mashuri, kugira uruhare rungana mu micungire y'umutungo w'umuryango, kujya mu nzego zifata ibyemezo n'ibindi.

IV. BUMWE MU BURENGANZIRA BW'UMUGORE N'AHO BUGARAGARA MU MATEGEKO Y'U RWANDA NO MU MASEZERANO MPUZAMAHANGA

Nyuma y'aho hagaragariye ko mu myaka ishize, amategeko y'u Rwanda atarengeraga ku buryo bungana uburenganzira bw'umugore n'umugabo, ndetse amwe n'amwe akaba ntayari ariho kandi Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu agomba kubahirizwa, byabaye ngombwa ko hafatwa ingamba zo gukuraho ubwo busumbane.

Ni muri urwo rwego nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta y'u Rwanda, yihutiye kuvugurura amategeko yari asanzweho no gushyiraho andi mashya, hagamijwe ko yose agaragaramo amahame arengera Abanyarwanda bose ku buryo bungana, nta vangura iryo ari ryo ryose, kandi ashimangira ko umugore afite uburenganzira bungana n'ubw'umugabo.

Ibi bigaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rishimangira ko abanyarwanda biyemeje kubaka Leta igendera ku mategeko, ishingiyeye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, ku bwisanzure no ku ihame ry'uko abanyarwanda bose bareshya imbere y'amategeko n'iry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo. Iri hame rishimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo (Ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga).

Bumwe muri ubwo burenganzira ni ubu bukurikira:

- ❖ **Uburenganzira bwo kubaho:** Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho. Ntawe ushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko (**Ingingo ya 12 y'Itegeko Nshinga**).

Ubu burenganzira tubusanga no mu Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, ingingo ya 3 ivuga ko buri wese afite uburenganzirza bwo kubaho.

❖ **Uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko** : Abantu bose bararashya imbere y'amategeko kandi amategeko abarengera ku buryo bumwe. **(Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga).**

Ubu burenganzira tubusanga kandi mu Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, ingingo ya 1 ivuga ko abantu bose aho bava bakagera bavuka bigenga kandi barashya mu cyubahiro n'imbere y'amategeko, ndetse no mu Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'Imbonezamubano na Politiki, ingingo ya 26 ivuga ku ihame ryo kureshya kw'abantu bose imbere y'amategeko.

Tubusanga kandi mu Masezerano y'Afurika yo ku wa 26/06/1981 yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage mu ngingo ya 3.

❖ **Uburenganzira bwo kutavangurwa**: Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza, byaba bishingiye ku gitsina no ku rindi vangura iryo ari ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko. **(Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga).**

Ubu burenganzira nanone tubusanga mu Itangazo Mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, ingingo ya 2 ivuga ko umuntu wese yemerewe uburenganzira bwo kwishyira akizana nta vangura iryo ari ryo ryose.

Uburenganzira bwo kutavangurwa tubusanga kandi mu Masezerano y'Afurika yo ku wa 26/06/1981 yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage mu ngingo yayo ya 2.

❖ **Uburenganzira mu gihe cyo gutanga impano cyangwa mu gihe cy' izungura**

Ubu burenganzira tubusanga mu itegeko numero 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura :

- Iyo ababyeyi baha umwana wabo impano, babikora nta vangura hagati y'abana b'abakobwa na ab'abahungu **(Ingingo ya 28)**;
- Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari ab'uwapfuye, bazungura ku buryo bungana, nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa **(Ingingo ya 54)**

❖ **Uburenganzira bukomoka ku ishyingirwa:**

Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango

- Uburenganzira bwo gushyingiranwa no kugira umuryango burengerwa n'amategeko. Ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ni ko kwemewe. **(Ingingo ya 17 y'Itegeko Nshinga)**.
- Abashyiranywe batura ahantu hamwe bahisemo mu bwumvikane bwabo **(Ingingo ya 55 y'Itegeko n°32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango ryahinduwe n'itegeko no 001/2020 ryo ku wa 02/02/20202)**;
- Abashyiranywe bombi bafite uburenganzira n'inshingano bingana, bagomba gufashanya no gutabarana kandi ntibahemukirane **(ingingo ya 206)**.

Uburenganzira bw'Abashyiranywe tubusanga nanone mu Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'Imbonezamubano na Politiki, ateganya ko ibihugu bifata ibyemezo bya ngombwa bigamije gutuma uburenganzira n'inshingano by'umugabo n'umugore bidasumbana mu

gihe cy'ishyingirwa, mu mibanire yabo mu rugo no mu gihe cyo gutandukana (**Ingingo ya 23 igika cya 4**).

❖ **Uburenganzira ku murimo:**



- Umuntu wese afite uburenganzira bwo guhitamo no gukora umurimo umunogeye. Abantu bakora umurimo umwe bagomba guhembwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose. (**Ingingo ya 30 y'Itegeko Nshinga**).
- Nanone itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda riteganya ko abagabo n'abagore bafite uburenganzira bungana.
- Guhoza ku nkeke uwo ukuriye mu kazi hagamijwe imibonano mpuzabitsina ku buryo ubwo ari bwo bwose birabujijwe (**Ingingo ya 8**);
- Umukoresha agomba guha abakozi amahirwe angana mu kazi, kandi abujijwe gukora ivangura mu kazi rishingiye ku gitsina, ku bwoko, ku muryango.... (**Ingingo ya 9**).

❖ **Uburenganzira ku butaka**

Itegeko N° 16/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda riteganya ko umugore n'umugabo bafite uburenganzira bungana ku butaka, haba mu kubutunga no kubucunga.

Ubu burenganzira nanone bugaragara mu Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, mu ngingo yayo ya 3, ivuga ko umugabo n'umugore bafite uburenganzira bungana ku mutungo, ku mibereho myiza no ku muco.

❖ **Uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina:**

Ubu burenganzira muri rusange tubusanga mu itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina rigamije gukumira no guhana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

Tubusanga kandi mu Masezerano Mpuzamahanga yo ku wa 18/12/1979 yerekeye guca burundu ivangura rikorerwa abagore iryo ari ryo ryose. Aya masezezerano ateganya guca burundu ikandamizwa ry'abagore uko ryaba riteye kose, ndetse no gukuraho ikandamizwa rikorerwa abagore mu bikorwa bya politiki, mu nzego z'ubutegetsu, mu by'ubukungu n'umuco ndetse no mu birebana n'umutungo.

V. INTAMBWE U RWANDA RWATEYE MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BW'UMUGORE

Mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ihungabana ry'uburenganzira bw'umugore byaranze igihugu cyacu mu bihe byashize, Leta y'u

Rwanda yihaye intego ndetse ifata ingamba zitandukanye mu rwego rwo guha umugore uburenganzira bwo gukora, gukurikirana no kugira uruhare mu bikorwa bitandukanye.

U Rwanda kandi rufata ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagore n'abagabo nk'inkingi ikomeye y'uburenganzira bwa muntu, by'umwihariko uburenganzira bw'umugore.

Ibi bigaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ntangiriro yaryo ryibutsa ko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mahame remezo ndetse n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu. Ni muri urwo rwego Leta yubahiriza amasezerano mpuzamahanga harimo ayo kurwanya ivangura iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina.

Mu gushyira mu bikorwa ayo mahame remezo, u Rwanda rwiyejeje kuba igihugu kigendera ku ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo, ibyo bigashimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Politiki y'igihugu y'uburinganire kandi ishingiyeye ku ihame ry'uko abagore n'abagabo ari abanyagihugu bareshya, bagomba kugira uruhare rusesuye mu iterambere ry'igihugu kandi n'inyungu zivuyemo zikabageraho ku buryo bungana.

Muri gahunda yo guteza imbere uburenganzira bw'umugore, Leta y'u Rwanda yakoze ibikorwa bitandukanye bigamije kwimakaza ihame ry'uburinganire n'iterambere by'umugore.

Muri ibyo bikorwa harimo gushyiraho **amategeko n'amateka, politiki zitandukanye**, ndetse no gushyiraho **inzego zishinzwe guteza imbere uburenganzira bw'umugore**.

1. Amwe mu mategeko n'amateka arengera umugore:

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015: Iri tegeko rishimangira ihame ry'uburinganire uhereye mu mahame shingiro yaryo, ndetse rikanagena umwihariko wa 30% y'imyanya itorerwa abagore mu nzego zifata ibyemezo;
- Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rihana kandi rikumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina: Iri tegeko rikumira kandi rikagena ibihano ku byaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ;
- Itegeko N° 16/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda: Iri tegeko riteganya uburenganzira bungana ku bagabo n'abagore ku mutungo w'ubutaka ndetse no mu ikoreshwa ryabwo ;
- Itegeko n° 27/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura: Iri tegeko rigena uburenganzira bungana ku bana bose (abahungu n'abakobwa), mu izungura nta vangura iryo ari ryo ryose ribayeho. Rigenera kandi umwe mu bashakanye uburenganzira bwo kuzungura mu gihe uwo bashakanye yitabye Imana;
- Itegeko n° 001/2020 ryo ku wa 02/02/2020 rihindura itegeko n°32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango: Iri tegeko rigena imibanire y'abantu n'umuryango. Rikubiyemo kandi ingingo zijyanye n'amategeko n'inshingano z'umugabo n'umugore ku buryo bungana nk'abagize umuryango;
- Itegeko N°003/2016 ryo kuwa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara: Iri tegeko rishyiraho ndetse rikanagena ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara. Rishimangira kandi umutekano

w'akazi ku mugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ndetse rikanabungabunga uburenganzira bw'umwana yabyaye;

- Itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda: Iri tegeko rigena amahirwe angana ku bagabo n'abagore mu kubona akazi n'uburenganzira bungana ku mushahara kandi rikabuza ihohoterwairyo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina mu kazi ;
- Iteka rya Minisitiri w'Intebe no 001/03 ryo ku wa 11/01/2012 rigena uburyo inzego za Leta zikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikanagena uburyo bwo kurengera uwahohotewe: Iri teka riha inshingano inzego za Leta zo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Uretse amategeko y'imbere mu gihugu, u Rwanda rwemeye kandi rushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga n'ay'akarere ruherereyemo atandukanye, yose agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore. Muri yo twavuga:

- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 18/12/1979 yerekeye guca burundu ivangura rikorerwa abagore iryo ari ryo ryose(CEDAW). U Rwanda rwayashyizeho umukono ku wa 15/02/1981;
- Itangazo Mpuzamahanga ry' uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948 ;
- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'Imbonezamubano na Politiki ;
- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;

- Amasezerano y'ubufatanye bushya bw'ibihugu by'Afurika mu iterambere (NEPAD) ;
- Amasezerano y' Inama mpuzamahanga ku mibereho myiza y'abaturage n'iterambere yo mu 1994 (ICPD) ;
- Imyanzuro y'inama mpuzamahanga ya Beijing yo mu 1995;
- Amasezerano ya Maputo yerekeye uburenganzira bw'umugore yo mu 2003 ;
- Intego z'ikinyagihumbi mu iterambere (MDGs);

Mu gusinya amasezerano mpuzamahanga agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, n'amasezerano y' inama mpuzamahanga ku mibereho myiza y'abaturage n'iterambere (ICPD) u Rwanda rwafashe ingamba zifatika nko gushyiraho amategeko ahana igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa imigirire igamije ivangura rikorerwa abagore, ruhindura kandi ruca burundu amategeko, imico n'imigirire byari bisanzweho byabavanguraga.

U Rwanda kandi rwahise rushyira umukono ku myanzuro y'inama mpuzamahanga ya Beijing, rukaba rwaranafashe ingamba icyenda muri cumi n'ebiri z'ingenzi zanzuriwe muri iyo nama ko zigomba gushyirwa mu bikorwa.

2. Politiki na gahunda zitandukanye, zigamije guteza imbere uburenganzira bw'umugore. Muri izo twavuga:

- Politike y'Igihugu y'uburinganire igaragaza imirongo ngenderwaho y'ingenzi inzego zigomba gushingiraho hagamijwe kwinjiza ihame ry'uburinganire muri porogaramu na gahunda z'iterambere;
- Politiki yo gufasha abagore kwiteza imbere binyuze mu kigeza cy'imari gifasha imishinga mito(BDF).

Uretse gushyiraho amategeko, amateka na politiki ziteza imbere uburenganzira bw'umugore, Leta y'u Rwanda yakoze ibikorwa byinshi

bishyigikira iterambere ry'umugore muri gahunda zitandukanye. Muri zo twavugamo:

- **Kurwanya ubukene**

Guverinoma y'u Rwanda yashyize ingufu mu kwinjiza uburinganire muri za gahunda n'ingamba z'igenamigambi, Mu Cyerekezo 2020 na 2050, muri gahunda mbaturabukungu (EDPRS I na II), SDGs (ingingo ya 5 ivuga ku ihame ry'uburinganire), NST1, aha hose kubahiriza uburenganzira bw'umugore bifatwa nk'urwego abantu buririraho bazamuka mu nzego zose.



Abagore biteje imbere babikesha ubuhinzi

- **Uburezi n'amahugurwa**

- Politiki y'uburezi ku mwana w'umukobwa n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa yashyizweho na Minisiteri y'uburezi, igamije guha no kongerera abana b'abakobwa ubushobozi bwo gutsinda mu byiciro byose by'amashuri. Ni muri urwo rwego hashyizweho gahunda yo gutanga ibihembo ku bana b'abakobwa batsinze neza, ndetse hanatangizwa gahunda ya "mudasobwa kuri buri mwana" ubu irimo ishyirwa mu bikorwa, kugira ngo zifashe abana bose bazikoresha mu

kwiga no kongera ubumenyi n'ubushakashatsi kuri internet n'izindi porogaramu ziri muri izo mudasobwa;

- Leta y'u Rwanda kandi ikomeje gahunda yo kuzamura uburezi bw'umwana w'umukobwa cyane cyane hibandwa ku gukundisha abagore n'abakobwa amasomo y'imyuga n'ubumenyingingiro.
- Abagore mu nzego zitandukanye bahabwa amahugurwa abafasha kwiteza imbere, guhanga imirimo ibyara inyungu no kwibumbura mu mashyirahamwe.



- **Ubuzima**

Mu rwego rwo guteza imbere ubu burenganzira:

- Hashyizweho ubwisungane mu kwivuza ku baturage bose;
- Hashyizweho politiki ku buzima bw'imyorokere;
- Hashyizweho abajyanama b'ubuzima mu gihugu hose bagenzura bakanakangurira abaturage kwitabira gahunda z'ubuzima.
- Gahunda z'abagore

- **Gahunda yo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore**

- Leta yashyizeho ikigo (Isange one stop centre) muri buri Karere cyakira abakorewe ihohoterwa bagahabwa ubuvuzi n’ubujyanama ndetse bakanunganirwa mu mategeko;
- U Rwanda rwemejwe amategeko akumira akanahana ihohoterwa rikorerwa abagore;
- U Rwanda rwakuyeho kandi ruvugurura amategeko yari asanzweho avangura abagore;
- Muri gahunda za Leta, hashyizweho komite zirwanya ihohoterwa rikorerwa abana n’abagore kuva ku rwego rw’Umudugudu kugera ku rwego rw’igihugu;
- Muri Polisi no mu Ngabo z’igihugu ndetse no mu rwego rw’ubushinjacyaha, hashyizweho ishami rishinzwe uburinganire (gender desk);
- Muri Polisi y’igihugu hashyizweho umurongo wa telephone utishyurwa wo kwakira no gutanga inama ku bibazo bijyanye n’ihohoterwa;
- Mu mikoranire ya Leta n’izindi nzego, hashyizweho ishyirahamwe ry’abagabo rigamije gukangurira abaturage cyane cyane abagabo guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore (RWAMREC).

- **Mu bukungu**

- Hashyizweho ikigega cy’ingwate gifasha abagore (BDF);
- Hashizweho koperative zo kubitsa no kugurizanya muri buri Murenge zizwi ku izina ry’Umurenge SACCO;
- Hashyizweho koperative y’abarimu “UMWARIMU SACCO”ifasha abarimu kubona inguzanyo ku buryo bworoshye;

- Leta yashyigikiye ishyirwaho ry'ishyirahamwe ry'abari n'abategarugori DUTERIMBERE ryishingiye koperative yo kuzigama no kugurizanya yitwa COPEDU;
- Leta itera inkunga kandi igashyigikira imiryango itandukanye igamije imibereho myiza n'iterambere by'umugore. Urugero: AVEGA AGAHOZO, PROFEMMES TWESE HAMWE, DUTERIMBERE, COPEDU;
- Leta kandi ishyigikira abagore bari mu nzego z'abikorera (PSF), kuko muri uru rwego harimo ishami ry'abagore n'abakobwa.



Abagore ku murimo

- **Mu nzego zifata ibyemezo**

U Rwanda nicyo gihugu cya mbere ku isi gifite umubare munini w'abakobwa n'abagore mu nteko ishingira amategeko. Ibi bigaragarira mu cyegeranyo cyakozwe na MIGEPOF mu 2018 aho imibare igaragaza ko kuva mu mwaka w'2003 kugeza mu 2019, umubare w'abagore bajya mu nteko ishingira amategeko wagiye uzamuka, kuva kuri 13% ukagera kuri 61% mu mutwe w'abadepite, ndetse no mu zindi nzego zifata ibyemezo, imibare y'abagore bitabira kujya muri izo nzego yagiye izamuka,...

Ihame rya 30% rirubahirizwa mu zindi nzego zose zifata ibyemezo ndetse no mu guhabwa akazi mu bigo bitandukanye.



Abagore bungurana ibitekerezo

Abagore kandi ntabwo bahejwe mu nzego z'umutekano (igisirikare na polisi), aho abagore n'abakobwa bahabwa amahirwe angana yo kwinjira muri izi nzego ndetse bagahabwa n'inshingano zitandukanye, haba imbere mu gihugu no hanze yacyo.



Abapolisikazi b'u Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro mu gihugu cya Sudani y'epfo

3. Inzego zashyizweho mu rwego rwo kurinda no kurengera uburenganzira bw'umugore :

Mu rwego rwo guteza imbere, kurinda no kurengera uburenganzira bw'umugore, Leta yashyizeho inzego zitandukanye, zigamije kurinda no guteza imbere ubwo burenganzira. Muri zo twavuga:

- Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;
- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
- Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n' ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere rirambye (GMO);
- Inama y'Igihugu y`abagore;
- Hashyizweho kandi ibigo bya Isange One Stop Centers muri buri Karere bigamije gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina;

VI. IBYO KOMISIYO IKORA MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BW'UMUGORE

Komisiyo ifite intego yo kubaka umuryango nyarwanda, aho uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa kandi bushinze imizi, no gushimangira amahame y'Igihugu kigendera ku mategeko. Mu rwego rwo guteza imbere, kurinda no kurengera uburenganzira bw'umugore, Komisiyo ikora ibi bikurikira:

- ❖ Ishishikariza kandi igakangurira abanyarwanda bose guharanira no guteza imbere uburenganzira bw'umugore;
- ❖ Ishishikariza abagore kwishyira hamwe nk'uko Leta ibikangurira abanyarwanda bose, kugira ngo bahuze imbaraga bityo bagere ku iterambere ryihuse;

- ❖ Ikurikirana by'ukwihariko iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umugore;
- ❖ Itanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko yerekeye uburenganzira bwa muntu mu rwego rwo kugira ngo ihame ry'uburinganire no kureshya kw'abagore n'abagabo rirusheho kubahirizwa;
- ❖ Yigisha kandi igasobanurira abaturage n'abakorera mu nzego zitandukanye amategeko arengera umugore kandi ikaganzura ko ashwirwa mubikorwa;
- ❖ Ifasha abagore guharanira uburenganzira bwabo bavukijwe, ikabakorera ubuvugizi aho biri ngombwa.
- ❖ Itanga ibiganiro n'inyigisho zitandukanye, zikangurira abanyarwanda muri rusange, n'umugore by'umwihariko kurwanya ihohoterwa rikorerwa umugore;
- ❖ Igira uruhare mu itegurwa rya za politiki zinyuranye zijyanye no guteza imbere no kurengera umugore;
- ❖ Ikora ubukangurambaga binyuze mu biganiro bica kuri radiyo, mu mahugurwa, mu makinamico hatangwa ubutumwa bukungurira abantu, mu nzego barimo, guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore;
- ❖ Ikora igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abagore bafungiyeye muri za gereza na kasho, abari mu bigo binyurwamo by'igihe gito, abari mu nkambi z'impunzi, ndetse n'ababa mu bigo by'abafite ubumuga, hagamijwe kumenya uko uburenganzira bwabo bwubahirizwa no gukorerwa ubuvugizi aho biri ngombwa;
- ❖ Komisiyo yakira kandi ikanasuzuma mu buryo bwihuse, ibirego bigaragaramo ihohoterwa ry'uburenganzira bw'umugore;
- ❖ Komisiyo kandi igira uruhare rukomeye mu gukorana n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi hagamijwe guteza imbere uburenganzira bw'umugore, kumenya no kugaragaza ibikorwa bihohotera

uburenganzira bw'umugore. Ibyo ibigeraho yifashishije gahunda yayo y' igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri rusange.

VII. ICYAKORWA NGO UBURENGANZIRA BW'UMUGORE BURUSHEHO KUBAHIRIZWA (Uruhare rwa buri wese)

Kugira ngo uburenganzira bw'umugore burusheho kubahirizwa, birasaba uruhare rwa buri wese n'ubufatanye bw'inzego zose(iza Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta, abanyamadini), cyane cyane abahura n'abantu benshi kandi bavuga rikijyana.

Abagore nabo ubwabo bagomba kugira uruhare mu kurengera uburenganzira bwabo, barwanya ihohoterwa ribakorerwa kandi n'aho rigaragaye bakihutira kubimenyesha inzego z'umutekano.

Hari abagabo bamwe batarasobanukirwa neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, abo bakwiye gufashwa guhindura imyumvire kugirango uburenganzira bw'umugore burusheho kubahirizwa.

Umugore kandi akwiye gufata iya mbere agahindura imyumvire ashingiye ku mategeko amurengera n'ibyiza igihugu kimuteganyiriza. Ni muri urwo rwego umugore akangurirwa:

- Kwibonamo ubushobozi kuko nawe arashoboye;
- Kureba ibyo amategeko amuteganyiriza kandi ntagire isoni zo guharanira uburenganzira bwe;
- Kwibumbira mu mashyirahamwe atandukanye no kugana amabanki, bizamufasha kwihangira imirimo ibyara inyungu;
- Kwitabira gahunda za leta n'izindi zose zimufasha kujijuka.

VIII. UMWANZURO

Kugira ngo Leta y'u Rwanda igere ku ntego yihaye yo guteza imbere uburenganzira bw'umugore no guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina rimukorerwa, yashyizeho amategeko, amateka na politiki byose bigamije kurengera umugore no kumuteza imbere. Yashyizeho kandi inzego zitandukanye ziyifasha gushyira mu bikorwa izo gahunda zose.

Ni yo mpamvu intego yo guteza imbere uburenganzira bw'umugore, gukumira no kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rimukorerwa, ifatwa nka zimwe mu ntego z'iterambere kandi igafasha igihugu gushyira mu bikorwa inshingano yo kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Ni ngombwa ko inzego zose zifatanya, kugirango uburenganzira bw'umugore burusheho gutera imbere.

Byagaragaye kandi ko umugore ari inkingi ikomeye n'igicumbi cy'iterambere ry' umuryango, bityo akwiye kubakirwa ubushobozi, haba mu myumvire no mu kwiteza imbere kugirango yigirire icyizere, ashobore kuzuzana neza inshingano ze, yiteze imbere ubwe, umuryango we n'igihugu cye.

IX. UMUGEREKA

INYANDIKO ZIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

❖ AMATEGEKO N'AMASEZERANO MPUZAMAHANGA

1. AMATEGEKO

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ;
- Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rihana kandi rikumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ;
- Itegeko N° 16/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda;
- Itegeko n° 27/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyiranywe, impano n'izungura ;
- Itegeko n° 001/2020 ryo ku wa 02/02/2020 rihindura itegeko n°32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango;
- Itegeko N°66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda.

2. AMASEZERANO MPUZAMAHANGA

- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 18/12/1979 yerekeye guca burundu ivangura rikorerwa abagore iryo ari ryo ryose(CEDAW) ;
- Itangazo Mpuzamahanga ry' uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948 ;

- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'Imbonezamubano na Politiki ;
- Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 16/12/1966 yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;

❖ INYANDIKO KURI POLITIKI Z'INGENZI

- Politike y'Igihugu y'uburinganire: Nyakanga 2010